# IBARUWA Y'UMUSHUMBA

Werurwe/Mata 2024

Umugisha n'indamutso kuri Arkiyepiskopi n'Abepiskopi bose, Abapadiri n' Abadiyakoni b'abapadiri, Abavugabutumwa n'ubutorwe bw'ababikira, hamwe n'abizera bose ba Believers Eastern Church ku isi hose, mu izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina!

**Bakundwa muri Kristu,**

Kristu yarazutse; koko yarazutse!

Mu rwego rwa Kiliziya, twarangije igihe cy'Igisibo n'Umunsi Mukuru wa Pasika, kandi nizeye ko ibyo byatubereye ibintu bihebuje bidufasha twese kurushaho kugendana na Kristu. Nimucyo Roho wo kwihana hamwe n'ibyishimo byo kwamamaza iby'izuka rya Kristu, tubihorane mu mibereho yacu!

Turabasaba kuzirikana ko mu gihe cyacu hano ku isi, twatangiye urugendo rwo kurushaho kuba nka Kristu. Binyuze muri Kiliziya ni ho tubona ubuzima bw'amasakaramentu, kandi ubwo ni bwo buryo bwacu bw'ubuzima mu gihe dukomeza kuba abantu bakomeza kwitwararika no kwitagatifuza mu kubahiriza ingengabihe n'imigenzo mitagatifu (imikorere) ya Kiliziya.

Ingo zacu zitwa  "Kiliziya ntoya, kuko mu rugo ari ho kwizera kwacu gukorerwa by'ukuri kandi kwagiye guhererekanwa ku bo twakomotseho. Ariko se, ni gute twasigira abana bacu, abavandimwe bacu na bashiki bacu, abuzukuru n'abaturanyi bacu uko kwizera gufite ubuzima? Reka mbabwire uburyo bwiza bwo kubigeraho. Vuba aha, Kiliziya yacu yasohoye agatabo gato kitwa 'Liurujiya y'Amasengesho y'Umuryango.' Katubwira mu by'ukuri uburyo bwo gusenga nuko dusenga n'uwo dusenga nk'umuryango. Nanone kandi, kaduha amabwiriza y'ingirakamaro yo gushyiraho alitari y'Amasengesho. Aka gatabo karimo karahindurwa mu ndimi zose kandi karimo karacapwa, bityo Padiri wanyu azabafasha mwese kubona kopi ya ako gatabo. Mu gihe mwihatira gusenga mukurikije icyitegererezo twahawe na Kiliziya, Imana ntizasubiza gusa amasengesho yanyu, ahubwo izahindura n'umuryango wawe umugisha ku yindi miryango y'abaturanyi banyu.
Kandi mahirwe akomeye yo kugeza ku bizera badukomokaho n'abazadukomokaho, ni 'Ingando z'abana zirimo gutegurwa na Kiliziya zacu aho ziri ku isi. Nzi neza ko ushobora kuba warabonye amabwiriza yose arebana n'ibisabwa aturutse kuri Diyoseze yawe. Ndabasaba mwese, kugira ngo mutegure ibintu bitazibagirana kandi bishimishije ku abana bo muri paruwasi yanyu. Uzibuke gutumira n'abandi bana, kubera ko izo nyigisho zizafasha abana bacu gukurana imico myiza igihe babyigishijwe bakiri bato.

Urubyiruko ni ejo hazaza ha Kiliziya n'igihugu cyacu. Ni mu kuyobora urubyiruko rwacu gusa
Bizarufasha gukura rufite urufatiro rukomeye mu kwizera no mu gukurikira inzira z'Imana, ruzakomeza kuba indahemuka kuri Kiliziya, ruhagarariye Kristu na Kiliziya ye aho ruherereye hose, kandi rukaba rwiteguye kwiyegurira Imana mu ubuzima rwarwo rukorera Kiliziya Ntagatifu. Kandi mfite inkuru ishimishije yo kubagezaho! Urubyiruko rw'Abizera bo mu Ishami rya Kiliziya yacu rurateganya gutegura Inama y'urubyiruko ikomeye ku itariki ya 9 kugeza kuya - 13, Ukwakira 2024 ku cyicaro gikuru cya Sinodi Ntagatifu. Tuzaba turi kumwe n'abahagarariye Kiliziya  zacu zo hirya no hino ku isi hose, kizaba ari igihe cyiza cyo gusabana, guterana inkunga no guhumurizanya mu mibereho yarwo. Nimusenge buri gihe mubisabira, kandi musenge musabira abakiri bato bazaba bari muri iryo koraniro.

Nshuti zanjye z'indahemuka, ntewe ishema namwe mwese ku bw'ubudahemuka mufitiye Kiliziya n'umuryango wacu ndetse n'inyota mufite yo guhinduka nka Kristu Umwami wacu. Icyifuzo gikomeye mfite kuri twese ni uko twamenyekana kubw' Urukundo tugirira abandi.

Imana mu Ubutatu Butagatifu ✠ ikomeze kutwiyoborera mu mbabazi zayo.

Data wanyu muri Kristo,

**Athanasius Yohan I Metropolitani**

Taliki: 22 Mata 2024
Sinodi Ntagatifu